

AMABWIRIZA N°23 YO KU WA
05/07/2016 AJYANYE NO
KWANDIKISHA AMASOSIYETI
AGENA IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI
BWO KWISHYURA MU RWANDA

REGULATIONS N°23 OF 05/07/2016
RELATING TO THE REGISTRATION OF
CREDIT RATING AGENCIES IN RWANDA

REGLEMENT N°23 DU 05/07/2016
PORTANT ENREGISTREMENT DES
AGENCES DE NOTATION DE CREDIT
AU RWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza
agamije

Article One: Purpose of these Regulations

Article premier: Objet du présent
règlement

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

UMUTWE WA II: KWANDIKISHA
ISOSIYETI IGENA IBIPIMO
BY'UBUSHOBOZI BWO KWISHYURA,
AMAKURU AMENYEKANISHWA
N'ISOSIYETE MU GIHE CYO
KWIYANDIKISHA N'IGIHE
ATANGIRWA

CHAPTER II: REGISTRATION OF CREDIT
RATING AGENCY, INFORMATION
DISCLOSED DURING REGISTRATION
AND TIME FRAME FOR DISCLOSURE

CHAPITRE II: ENREGISTREMENT
D'AGENCE DE NOTATION DE
CREDIT, EXIGENCES DE
COMMUNICATION POUR L'AGENCE
DE NOTATION PENDANT
L'ENREGISTREMENT ET LE DELAI
PREVU

Icyiciro cya mbere: Kwandikisha isosiyeti
igena ibipimo by'ubushobozi bwo
kwishyura

Section One: Registration of credit rating
agency

Section première: Enregistrement
d'agence de notation de crédit

Ingingo ya 3: Gusaba kwandikwa

Article 3: Application for registration

Article 3: Demande d'enregistrement

Ingingo ya 4: Ibisabwa mu kwandika
umuntu ukora ibikorwa byo kugena
ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Article 4: Requirements for registration of an
individual who carries out rating activities

Article 4: Exigences pour l'enregistrement
d'un individu qui exerce les activités de
notation

Ingingo ya 5: Ibindi bisabwa ushaka kwandikisha Isosiyeti ikora ibikorwa byo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Ingingo ya 6: Ibigaragarizwa Ikigo igihe cyo kwiyandikisha

Ingingo ya 7: Ibikenerwa mu kazi

Icyiciro cya 2: Kumenyekanisha amakuru n'igihe atangirwa

Ingingo ya 8: Amakuru amenyekanishwa n'Isosiyete mu gihe cyo kuyandikisha

Ingingo ya 9: Igihe amakuru atangarizwamo

UMUTWE WA III: IMITERERE Y'IMIGABANE, IBIGENDERWAHO, UBURYO NA POLITIKI MU KUGENA IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI BWO KWISHYURA,

Icyiciro cya mbere: Imiterere y'imigabane n'ibigenderwaho mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Ingingo ya 10: Imiterere y'imigabane

Ingingo 11: Kumenyeshya urwego rubifitiye ububasha impinduka zabaye mu isosiyete

Article 5: Other requirements for registration of a credit rating agency

Article 6: Requirements to demonstrate to the Authority during registration

Article 7: Operational requirements

Section 2: Disclosure of information and time frame for disclosure

Article 8: Information disclosed by a rating agency during registration

Article 9: Time frame for disclosure of the information

CHAPTER III: SHAREHOLDING STRUCTURE, RATING CRITERIA, METHODOLOGIES AND POLICIES

Section One: Shareholding structure and rating criteria

Article 10: Shareholding structure

Article 11: Notification of change in an agency to the competent authority

Article 5: Exigences requises pour enregistrement d'une société qui exerce les activités de notation

Article 6: Exigences à démontrer à l'Office au moment de l'enregistrement

Article 7: Exigences opérationnelles

Section 2: Révélation d'informations et moment de le faire

Article 8: Informations révélées par l'agence de notation au moment de l'enregistrement

Article 9: Délai de communication de l'information

CHAPITRE III: STRUCTURE DE L'ACTIONNARIAT, CRITERES METHODOLOGIE ET POLITIQUE DE NOTATION

Section première: Structure de l'actionnariat et critères de notation

Article 10: Structure de l'actionnariat

Article 11: Notification du changement dans une agence à l'autorité compétente

<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibigenderwaho mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, uburyo bw'imikorere na politiki	<u>Section 2:</u> Rating criteria, methodologies and policies	<u>Section 2:</u> Critères de notation, méthodologie et politique
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibigenderwaho mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura	<u>Article 12:</u> Rating criteria	<u>Article 12:</u> Critères de notation
<u>Ingingo ya 13:</u> Uburyo bw'imikorere	<u>Article 13:</u>Methodology	<u>Article 13:</u> Méthodologie
<u>Icyiciro cya 3:</u> Gutegura politiki zigenga ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura	<u>Section 3:</u> Developing rating policies	<u>Section 3:</u> Elaboration des politiques de notation
<u>Ingingo 14:</u> Politiki igenga ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura	<u>Article 14:</u> Rating policies	<u>Article 14:</u> Politique de notation
<u>UMUTWE WA IV:</u> UBWIGENGE, UKUTABOGAMA N'IGONGANA RY'INYUNGU	<u>CHAPTER IV:</u> INDEPENDENCE, OBJECTIVITY AND CONFLICT OF INTEREST	<u>CHAPITRE IV:</u> INDEPENDANCE, OBJECTIVITE ET CONFLIT D'INTERET
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ubwigenge no kutabogama	<u>Section One:</u> Independence and objectivity	<u>Section première:</u> Indépendance et objectivité
<u>Ingingo ya 15:</u> Ubwigengeno kutabogama	<u>Article15:</u> Independence and objectivity	<u>Article 15:</u> Indépendance et objectivité
<u>Ingingo ya 16:</u> Guhorana ubunyangamugayo	<u>Article 16:</u> Maintaining integrity	<u>Article 16:</u> Maintenir l'intégrité
<u>UMUTWE WA V:</u> GUKURIKIRANA ICURUZWA RY'IMPAPURO Z'AGACIRO KU ISOKO ZAGENEWE IBIPIMO BYO KWISHYURA N'ISOSIYETI IGENA IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI BWO KWISHYURA N'IMICUNGIRE Y'ABAKOZI	<u>CHAPTER V:</u> MONITORING OF PUBLIC OFFERS OF SECURITIES RATED BY CREDIT RATING AGENCIES AND HUMAN RESOURCE MANAGEMENT	<u>CHAPITRE V:</u> SUIVI DES OFFRES PUBLIQUES DE VALEURS MOBILIERES NOTEES PAR LES AGENCES DE NOTATION DE CREDIT ET LA GESTION DES RESSOURCES HUMAINES

Icyiciro cya mbere: Gukurikirana icuruzwa ry'impapuro z'agaciro ku isoko zagenewe ibipimo byo kwishyura n'isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura no kubahiriza amabwiriza

Ingingo ya 17: Gukurikirana icuruzwa ry'impapuro z'agaciro ku isoko zagenewe ibipimo byo kwishyura n'isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Ingingo ya 18: Gukurikirana iyubahirizwa ry'aya mabwiriza

Ingingo ya 19: Gukurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza ngengamyitwarire n'amategeko

Icyiciro 2: Imicungire y'abakozi

Ingingo ya 20: Imicungire y'abakozi ndetse n'ubunararibonye

Ingingo ya 21: Guhinduranya abakozi

**UMUTWE WA VI: AMABWIRIZA
NGENGAMYITWARIRE YA IOSCO KU
MASOSIYETI AGENA IBIPIMO
BY'UBUSHOBOZI BWO KWISHYURA
KUBAHIRIZA AMATEGEKO
N'IBIKENEWE MU GUTANGA
RAPORO**

Section One: Monitoring of public offers of securities rated by credit rating agency and compliance with regulations

Article 17: Monitoring of public offers of securities rated by credit rating agencies

Article 18: Monitoring the compliance of these Regulations

Article 19: Monitoring of the code of conduct and laws

Section 2: Human resource management

Article 20: Human resource management and expertise

Article 21: Rotation of staff

**CHAPTER VI: IOSCO CODE OF CONDUCT
FOR CREDIT RATING AGENCIES AND
LEGAL AND REPORTING
REQUIREMENTS COMPLIANCE**

Section première: Suivi des offres publiques de valeurs mobilières notées par l'agence de notation de crédit et conformité

Article 17: Suivi des offres publiques de valeurs mobilières notées par les agences de notation de crédit

Article 18: Suivi de la conformité au présent règlement

Article 19: Suivi du code de conduite et des lois

Section 2: Gestion des ressources humaines

Article 20: Gestion des ressources humaines et l'expertise

Article 21: Rotation du personnel

**CHAPITRE VI: CODE DE CONDUITE
DE IOSCO POUR LES AGENCES DE
NOTATION DE CREDIT,
CONFORMITE ET EXIGENCES EN
MATIERE DE RAPPORTS**

Ingingo ya 22: Kubahiriza amabwiriza ngengamyitwarire ya IOSCO ku masosiyeti agena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Article 22: Compliance with IOSCO code of conduct fundamentals for credit rating agencies

Article 22: Conformité aux fondements du code de conduite de IOSCO pour les agences de notation de crédit

Ingingo ya 23: Gutanga amakuru

Article 23: Providing information

Article 23: Fournir les informations

Ingingo 24: Gutanga raporo

Article 24: Reporting

Article 24: Rapport

Ingingo ya 25: Kugira ibanga

Article 25: Confidentiality

Article 25: Confidentialité

UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 26: Amasosiyeti asanzwe agena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Article 26: Existing credit rating agencies

Article 26: Agences de notation de crédit existantes

Ingingo ya 27: Igihe amabwiriza atangirira gukurikizwa

Article 27: Commencement

Article 27: Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA N°23 YO KU WA
05/07/2016 AJYANYE NO
KWANDIKISHA AMASOSIYETI
AGENA IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI
BWO KWISHYURA MU RWANDA**

**REGULATIONS N°23 OF 05/07/2016
RELATING TO REGISTRATION OF
CREDIT RATING AGENCIES IN
RWANDA**

**REGLEMENT N°23 DU 05/07/2016
REGISSANT L'ENREGISTREMENT
DES AGENCES DE NOTATION DE
CREDIT AU RWANDA**

**IKIGO GISHINZWE ISOKO
RY'IMARI N'IMIGABANE;**

THE CAPITAL MARKET AUTHORITY;

**L'OFFICE DES MARCHES DE
CAPITAUX ;**

Gishingiye ku Itegeko n° 11/2011 ryo ku wa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA), rikanagena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3 n'ya 4;

Pursuant to Law n°11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Markets Authority (CMA) and determining its mission, powers, organization and functioning, especially in Articles 3 and 4;

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant création de l'Office des Marchés de Capitaux (CMA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 3 et 4;

Gishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Pursuant to Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda, especially in Article 74;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda, spécialement en son article 74;

**GITANZE AMABWIRIZA
AKURIKIRA:**

**ISSUES THE FOLLOWING
REGULATIONS:**

**DONNE LE REGLEMENT
SUIVANT:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza
agamije**

Aya mabwiriza ajyanye no kwandikisha isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro
by'amagambo**

Muri aya mabwiriza amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1°. **Ikigo:** Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda;
- 2°. **kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura:** igipimo cy'ubushobozi nyakuri mu kwishyura umwenda kandi kidafite aho kibogamiye cyaba kiri mu bimenyetso, inyuguti, imibare cyangwa ubundi buryo bw'icyizere kigirirwa ushyize ku isoko ry'imari n'imigabane impapuro z'agaciro ndetse n'ubushobozi bwo kuzasohozwa inshingano ze mu gihe gikwiriye cyagenwe n'izo mpapuro z'agaciro, ku ngorane runaka

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of these Regulations

These Regulations relate to registration of credit rating agency.

Article 2: Definitions of terms

For purposes of these Regulations, the following terms have the following meanings:

- 1°. **Authority:** the Capital Market Authority in Rwanda;
- 2°. **credit rating:** an objective and independent evaluation regarding the credit worthiness of an issuer of a debt instrument whether expressed in symbols, letters, numbers or in any other form of credibility, and its ability to meet its obligations in a timely manner over the life of the financial instrument based on relevant risk factors including the ability of the issuer to generate cash in the future;

**CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES**

Article premier: Objet du présent règlement

Le présent règlement est en rapport avec l'enregistrement des agences de notation de crédit.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins du présent règlement, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1°. **Office:** l'Office des Marchés de Capitaux au Rwanda;
- 2°. **notation de crédit:** une opinion indépendante et objective au sujet de la solvabilité de l'émetteur d'un instrument de dette exprimée en symboles, lettres, chiffres, ou toute autre forme, et sa capacité de remplir ses obligations en temps opportun pendant la durée de vie de l'instrument financier fondée sur les facteurs pertinents de risque, y compris la capacité de l'émetteur de générer les flux de trésorerie dans l'avenir;

zavuka ndetse n'ubushobozi ushyize ku isoko ry'imari n'imigabane impapuro z'agaciro afite bwo kubyaza inyungu izo mpapuro mu gihe kizaza;

3°. isosiyeti y'inyamahanga igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura: isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura yashingiwe ahandi hatari mu Rwanda;

4°. umugenzuzi

w'umunyamahanga: umugenzuzi w'ingenzi ukorera mu isosiyeti mpuzamahanga igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura mu buryo bwemewe n'amategeko y'ikindi gihugu;

5°. IOSCO: Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe iby'Imari n'Imigabane;

6°. isosiyeti yahawe ibipimo byerekana ubushobozi bwo kwishyura: isosiyeti yemewe n'amategeko, aho urwego rw'imyungukire yayo mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, rwahawe ibipimo byerekana ubushobozi bwo kwishyura,

3°. foreign credit rating agency: a credit rating agency incorporated in another jurisdiction other than Rwanda;

4°. foreign regulator: a principal regulator operating an international credit rating agency in accordance with laws of another jurisdiction;

5°. IOSCO: International Organization of Securities Commissions;

6°. rated entity: a legal entity whose credit worthiness is explicitly or implicitly rated or to be rated in the credit rating including the issuer of the security to be rated, whether it has solicited that credit rating or not and whether it has provided information for that credit rating or not;

3°. agence étrangère de notation de crédit: une agence de notation constituée dans un territoire autre que le Rwanda;

4°. un régulateur étranger: un régulateur principal qui gère une agence étrangère de notation de crédit selon la législation d'un autre pays;

5°. IOSCO: Organisation Internationale des Commissions de Valeurs;

6°. entité notée: une personne morale dont la solvabilité est explicitement ou implicitement cotée ou en voie d'être cotée dans la notation de crédit y compris l'émetteur de titre devant être noté, s'il a sollicité cette notation de crédit ou pas et s'il a fourni les

cyangwa buteganywa guhabwa ibipimo byerekana ubwo bushobozi, habariwemo ushyira ku isoko ry'imari n'imigabane impapuro z'agaciro kugira ibipimo byerekana ubushobozi bwe bwo kwishyura, yaba yarasabye cyangwa itarasabye ibipimo byerekana ubwo bushobozi bwo kwishyura, yaba yaratanze cyangwa itaratanze amakuru yerekeye ubwo bushobozi;

7°. imirimo yo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura : ikubiyemo imibare n'amakuru yakiriwe kandi yasesenguwe hagendewe ku bisabwa mu kugena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyeti bwo kwishyura, ndetse n'isuzuma n'iyemeza by'imbere mu Kigo ndetse n'ishyirwa ku isoko ry'inyandiko z'agaciro n'isubiramo ry'igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura;

8°. umusesenguzi mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura: umuntu ukora inshingano zo gusesengura ibikorwa bijyanye no kugena

informations pour cette notation de crédit ou pas;

7°. rating activities: include data and information received and analysed on the basis of requirements of credit rating, agency's internal evaluation and approval and issue of securities and review of credit rating;

8°. rating analyst: a person who performs analytical functions in connection with rating activities;

7°. activités de notation: comprennent les éléments suivants : collecte des données et des informations et des analyses en vue d'une notation de crédit; l'évaluation interne ainsi que l'approbation, la délivrance et l'examen d'une notation de crédit;

8°. analyste de notation: une personne qui exerce des fonctions d'analyse dans le cadre des activités de notation;

ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura ;

9°. sosiyeti ibumbiyemo izindi igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura : isosiyeti y'ishoramari ifite inshingano z'ibanze zo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura , ikaba ikura mirongo itanu ku ijana (50%) z'inyungu zayo zikomatanijwe cyangwa inyungu muri sosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, cyangwa igashora amafaranga arenze mirongo itanu ku ijana by'umutungo wayo mu isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura mu gihe cy'imyaka itatu ikurikiranye;

10°. isosiyeti yanditswe igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura: isosiyeti yemewe n'amategeko yo mu Rwanda kuhakorera ibikorwa byo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura hagendewe ku mategeko akurikizwa.

9°. rating holding company: a holding company whose core business is to provide credit rating services which derives more than fifty percent (50%) of its consolidated revenue or profit from the credit rating agency, or invests more than fifty percent of its assets in the credit rating agency over a period of three consecutive years;

10°. registered credit rating agency: a legal entity incorporated and authorized to operate in Rwanda to carry out rating activities in accordance with the applicable laws.

9°. une société faitière de notation: une société faitière dont l'activité principale est de fournir les services de notation de crédit, qui tire plus de cinquante pour cent (50%) de son revenu ou profit de l'agence de notation de crédit, ou qui investit plus de cinquante pour cent de ses actifs dans l'agence de notation de crédit pour une période de trois ans consécutifs;

10°. agence de notation de crédit enregistrée: une personne morale qui est constituée, et autorisée à mener les activités de notation au Rwanda en conformité avec les lois en vigueur.

UMUTWE WA II: KWANDIKISHA ISOSIYETI IGENA IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI BWO KWISHYURA, AMAKURU AMENYEKANISHWA N'ISOSIYETE MU GIHE CYO KWIYANDIKISHA N'IGIHE ATANGIRWA

Iciviro cya mbere: Kwandikisha isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Ingingo ya 3: Gusaba kwandikwa

Usaba kwandikisha isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura yuzuza urupapuro rusaba kwandikwa rwabugenewe rutangwa n'Ikigo kandi rugaherekezwa n'amakuru ndetse n'inyandiko ziteganijwe muri aya mabwiriza.

Usaba kwandikisha isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura amenyesha Ikigo impinduka ku makuru yatanzwe mu gihe yasabaga kwandikwa.

CHAPTER II: REGISTRATION OF CREDIT RATING AGENCY, INFORMATION DISCLOSED DURING REGISTRATION AND TIME FRAME FOR DISCLOSURE

Section One: Registration of credit rating agency

Article 3: Application for registration

Any applicant for registration of a credit rating agency is required to fill the appropriate application form prescribed by the Authority and accompanied by the information and documents specified in these regulations.

The applicant for registration of a credit rating agency is required to inform the Authority of any material changes of the information provided to the Authority during the application for registration.

CHAPITRE II: ENREGISTREMENT D'AGENCE DE NOTATION DE CREDIT, EXIGENCES DE COMMUNICATION POUR L'AGENCE DE NOTATION PENDANT L'ENREGISTREMENT ET LE DELAI PREVU

Section première: Enregistrement d'agence de notation de crédit

Article 3: Demande d'enregistrement

Le candidat à l'enregistrement d'une agence de notation de crédit remplit un formulaire de demande prescrit par l'Office et accompagnée par des informations et des documents exigés en vertu du présent Règlement.

Le demandeur d'enregistrement d'agence de notation de crédit, notifie l'office de toute modification importante apportée aux informations fournies à l'Office pendant la demande d'enregistrement.

Ingingo ya 4: Ibisabwa mu kwandika umuntu ukora ibikorwa byo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Nta muntu ushobora gukora ibikorwa byo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura cyangwa kwiyita Isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura atari yandikishije mu kigo nk'uko biteganywa n'aya mabwiriza.

Ibisabwa mu kwandikisha isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura biteganyijwe ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

Ikigo gifite ubwisanzure bwo kugenzura mu ibanga niba ikigo mvamahanga gikora ubugenzuzi gifite ibipimo mpuzamahanga kigendera ku bisabwa byavuzwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo mu bugenzuzi, ndetse n'ibisabwa byibuze bisa n'iby'Ikigo.

Ingingo ya 5: Ibindi bisabwa ushaka kwandikisha Isosiyeti ikora ibikorwa byo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 4 (2), y'aya mabwiriza, ushaka kwandikisha isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, ashakiriza Ikigo inyandiko zikurikira:

Article 4: Requirements for registration of an individual who carries out rating activities

No person is authorized to carry out rating activities unless he/she registers with the Authority in accordance with provisions of these Regulation.

Requirements for registration of a credit rating agency are specified in Annex I of these regulations.

The Authority has discretion to investigate whether a foreign regulator meets the regulatory standards specified in Annex 1 of these regulations and requirements which are at least equivalent to those of the Authority.

Article 5: Other requirements for registration of a credit rating agency

Without prejudice to provisions of Article 4 (2) of these Regulations, any applicant for registration of a credit rating agency is required to submit to the Authority the following documents:

Article 4: Exigences pour l'enregistrement d'un individu qui exerce les activités de notation

Personne ne doit exercer les activités de notation ou se présenter comme une agence de notation de crédit à moins qu'il soit enregistré par l'Office en conformité avec le présent règlement.

Le candidat à l'enregistrement remplit les exigences de l'Annexe I du présent règlement.

L'Office a le pouvoir discrétionnaire d'évaluer si le régulateur étranger remplit les normes réglementaires stipulées à l'alinéa 2 du présent article, et des exigences au moins équivalentes à celles de l'Office.

Article 5: Exigences requises pour enregistrement d'une société qui exerce les activités de notation

Sans préjudice des dispositions de l'article 4 (2) du présent règlement, une demande d'enregistrement d'agence de notation de crédit est faite auprès de

l'Office est accompagnée par les exigences suivants:

1°. icyemezo cy'ishingwa ry'ikigo, amasezerano n'amategeko shingiro y'ikigo mu gihe akenewe;

2°. gahunda y'ibikorwa by'umushinga ikubiyemo umwirondoro w'abakozi bo mu nzego zo hejuru mu kigo, imbonerahamwe igaragaza imiterere y'ubuyobozi, incamake y'uburyo bukoreshwa mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, inzego z'ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura n'amafaranga asabwa;

3°. amwe mu masezerano y'imikoranire hagati y'isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura ndetse n'abakiriya bayo;

4°. ifishi isaba kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura iherekejwe n'inyandiko zigaragaza amakuru akenewe mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura ku nyandiko z'agaciro.

1°. a certificate of incorporation, memorandum and articles of association if required;

2°. a business plan including resumes of the top management staff, administrative structure, brief on the rating methodology, rating grades, and fees required;

3°. a sample of a standard agreement between the rating agency and its clients;

4°. a rating application form accompanied by necessary requirements documents for rating securities.

1°. un certificat de constitution, mémorandum et statuts d'association si nécessaire;

2°. un plan d'affaires devant inclure les curriculum vitae des hauts cadres du personnel, la structure d'administration, le résumé de la méthodologie de notation, les grades de notation et les frais exigés;

3°. un échantillon d'accord type entre l'agence de notation et ses clients;

4°. une fiche de demande de notation accompagnée par un document d'informations nécessaires pour la notation des titres.

Ingingo ya 6: Ibigaragarizwa Ikigo igihe cyo kwiyandikisha

Usaba kwandikisha isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura agomba kugaragariza Ikigo ibi bikurikira:

- 1°. ubwigenge bwe mu kazi no gukora agamije kugera ku ntego;
- 2°. kuba yiteguye kandi afite ibisabwa, ubunararibonye ndetse n'umutungo n'abakozi byamufasha gukora ibikorwa byo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura;
- 3°. ubunararibonye mu miyoborere, uburyo bwo gucunga imari, kugira amahame n'uburyo bwo guhangana n'ingorane, kugira ikoranabuhanga rikenewe, uburyo ngengamikorere, ubushobozi buhagije bwo gukora ibikorwa bye by'ubucuruzi ndetse n'amategeko y'ubugenzuzi;
- 4°. Urwego rw'ubuyobozi, abasesenguzi bo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, abakozi ndetse n'abahagarariye Ikigo bagira uruhare mu bikorwa byo kugena ibipimo by'ubushobozi

Article 6: Requirements to demonstrate to the Authority during registration

Any applicant for registration of a credit rating agency is required to demonstrate to the Authority the following:

- 1°. professional independence and focus;
- 2°. readiness and able to fulfil the required conditions, experience and equipped with resources and staff to carry out rating activities;
- 3°. managerial expertise, financial systems, risk management policies and systems, technological resources, and operational procedures and systems that are sufficient to fulfill its business and regulatory obligations;
- 4°. governing body, rating analysts, employees and representatives of the authority who participate in the applicant's rating activities with necessary qualifications, skills, experience and integrity.

Article 6: Exigences à démontrer à l'Office au moment de l'enregistrement

Un demandeur d'enregistrement d'agence de notation de crédit doit démontrer à l'Office ce qui suit:

- 1°. son indépendance professionnelle et vision de l'objectif;
- 2°. être prêt et remplir les conditions requises, être expérimenté et équipé avec des ressources et le personnel pour effectuer des activités de notation;
- 3°. avoir de l'expertise en matière de gestion, des systèmes financiers et politiques de gestion des risques, des ressources technologiques, et des procédures opérationnelles et les systèmes suffisants pour remplir ses activités et obligations de réglementation;
- 4°. avoir un conseil d'administration, les analystes de notation, employés et les représentants de l'Office qui seront impliqués dans les activités de notation des requérants qui ont les

bwo kwishyura , bafite ubumenyi, ubushobozi, uburambe ndetse n'ubunyangamugayo bikenewe.

qualifications, les compétences, l'expérience et l'intégrité nécessaires.

Ingingo ya 7: Ibikenerwa mu kazi

Article 7: Operational requirements

Article 7: Exigences opérationnelles

Isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura igomba kugira ibikenerwa mu kazi bikurikira:

A credit rating agency is required to possess the following operational requirements:

Une agence de notation de crédit doit disposer des conditions opérationnelles suivantes:

- 1°. ibikorwa remezo n'iby'itumanaho bihagije kugira ngo itange serivisi inoze yo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura ku nyandiko z'imyenda;
- 2°. kubungabunga ibikorwa byayo byo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura ndetse n'ibikoresho mu by'umutekano ukwiriye, ubushobozi bw'imikorere no guhangana n'ibiba bitarateganyijwe harimo gahunda yo gukomeza ibikorwa by'ubucuruzi;
- 3°. kubahiriza amasezerano yo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura hamwe n'ushyira inyandiko z'imyenda ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa uwashyize bwa mbere ku isoko

- 1°. adequate infrastructure and information systems to provide reliable public offers of debt securities rating services;
- 2°. maintenance of its credit rating operations and facilities of adequate security system, capacity and contingency arrangements including a business continuity plan;
- 3°. compliance with the rating agreement with the issuer or originator of debt securities which contains adequate information and provisions to ensure that the credit rating agency can conduct effective and timely assessment of the debt securities

- 1°. des infrastructures et systèmes d'informations adéquats pour fournir des services des offres publiques de notation des titres de créance fiables;
- 2°. maintenir ses opérations de notation de crédit et des facilités du système de sécurité adéquate, la capacité et des dispositions d'urgence, y compris le plan de continuité des activités;
- 3°. s'assurer qu'un accord de notation avec l'émetteur ou donneur d'ordre des titres de créance contient des informations et des dispositions adéquates pour s'assurer que l'agence de notation de crédit peut effectuer une

Official Gazette n°34bis of 22/08/2016

ry'imari n'imigabane inyandiko z'imyenda akubiyemo amakuru y'ukuri kandi agateganya uburyo isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura ikora mu buryo bunoze kandi ikubahiriza igihe cyo gusesengura inyandiko z'imyenda mu gihe cyose amasezerano azamara;	throughout the tenure of the agreement;	évaluation périodique et efficace des titres de créance pendant toute la durée de l'accord;
4°. kubika amakuru nyayo agendanye n'ibisabwa, harimo amakuru y'ibaruramari n'ibindi bitabo, abikwa mu gihe kitari muni y'imyaka (10) icumi;	4°. keeping of proper records in line with all applicable requirements including accounting records and other books, which are kept for a period of not less than ten (10) years;	4°. tenir les dossiers adéquats en rapport avec toutes les exigences applicables y compris les dossiers comptables et autres livres, qui sont gardés pour une période de dix (10) ans au moins;
5°. kugira politiki zisobanuye neza mu kugaragaza ibitagenda neza hagamiywe kugira ibanga mu kazi;	5°. detailed whistle-blower policies with view to promote professional confidentiality;	5°. avoir des politiques détaillées de dénonciation qui favorisent la confidentialité;
6°. gukora iperereza hagendewe kuri politiki n'imirongo ngenderwaho yayo;	6°. conduct of investigations in accordance with its policies and procedures;	6°. conduire des investigations en accord avec ses politiques et procédures;
7°. kwirinda ivangura, kwihorera cyangwa kujujubya ugaragaza ibitagenda neza cyangwa uri mu gikorwa cy'iperereza;	7°. prevention of discrimination, revenge or harassment against any whistle-blower or a participant in the investigation process;	7°. prévenir la discrimination, représailles ou harcèlement contre le dénonciateur ou participant au processus d'investigation;
8°. kubahiriza imiyoborere myiza mu isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura ;	8°. adherence to proper governance of the credit rating agency;	8°. s'assurer d'une bonne gouvernance de l'agence de notation de crédit;

9°. kubahiriza ibikorwa byose bijyanye n'ubucuruzi hamwe na sosiyete yayo ibumbiyemo izindi, bikora ubucuruzi muri rusange cyangwa ibindi, bigenzurwa buri gihembwe n'ikigo cyigenga kigaragaza ko ubwo bucuruzi bukorwa mu nzira iboneye kandi isobanutse, kandi bugakorwa mu nyungu z'isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bw'isosiyete bwo kwishyura n'abanyamigabane bayo.

Iciviro cya 2: Kumenyekanisha amakuru n'igihe atangirwa

Ingingo ya 8: Amakuru amenyekanishwa n'Isosiyete mu gihe cyo kuyandikisha

Isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura yanditswe mu buryo bukurikije amategeko igomba kugaragaza buri gihe amakuru yerekeranye n'ibisabwa biteganijwe ku mugereka wa II w'aya mabwiriza.

Bitabangamiye ibiteganywa mu gika kibanziriza iki, isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura igaragaza mu gihe cyagenwe igipimo cy'ubwo bushobozi bw'amasosiyeti ndetse no

9°. adherence to all its commercial dealings as well as transactions with its holding company that are commercial in nature or otherwise, periodical review of such dealings by an independent authority who ensures that such dealings and transactions are undertaken in a fair and justifiable manner, and are made in the best interest of the credit rating agency and its shareholders.

Section 2: Disclosure of information and time frame for disclosure

Article 8: Information disclosed by a rating agency during registration

Every legally registered credit rating agency is required to regularly disclose information relating to requirements set out in Annex II of these regulations.

Without prejudice to provisions of the preceding paragraph, every credit rating agency ensures timely disclosure of rating opinions and publish information in support of

9°. s'assurer que toutes ses décisions et transactions avec sa société faitière, de nature commerciale sont périodiquement revues par un office indépendant qui veille à ce que ces décisions et transactions soient prises avec équité et dans la transparence, et soient prises dans le meilleur intérêt d'une agence de notation de crédit et ses actionnaires.

Section 2: Révélation d'informations et moment de le faire

Article 8: Informations révélées par l'agence de notation au moment de l'enregistrement

Une agence de notation de crédit enregistrée doit s'assurer que chaque notation de crédit remplit des exigences telles qu'indiquées en annexe II du présent Règlement.

Une agence de notation de crédit déclare à temps des opinions de notation et publie des informations pour soutenir ses opinions de notation qui comprennent les

gutanga ibisobanuro ku ngingo zakurikijwe kugira ngo hagenwe ibyo bipimo.

Isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyeti bwo kwishyura igaragariza rubanda mu buryo buhoraho, budakumira kandi butishyuzwa, igenwa ry'ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura rirebana n'ishyirwa ku mugaragaro ry'inyandiko z'agaciro ku isoko ry'imari n'imigabane, cyangwa abashyira inyandiko z'agaciro ku isoko ry'imari n'imigabane, n'ibindi byemezo bishobora guhagarika igenwa ry'ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura mu gihe igikorwa cyo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura gishingiye ku buryo rusange cyangwa bw'igice ku makuru adahabwa rubanda.

Ingingo ya 9: Igihe amakuru atangarizwamo

Isosiyeti yiyandikishije mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura mu buryo bwemewe n'amategeko igomba gutangaza amakuru akurikira kandi igahora iyatangaza buri gihembwe:

- 1°. ugaragaza imiterere iriho n'ishobora kubaho

its rating evaluation which includes assumptions and rationale of its opinion.

Every registered credit rating agency is required to disclose in a timely manner to the public, on a non-selective basis and free of charge, any credit rating regarding publicly issued securities, or issuers of publicly issued securities, as any subsequent decisions that may discontinue such rating, in case the action of rating is based in whole or in part on non-public information.

Article 9: Time frame for disclosure of the information

Every registered credit rating agency is required to regularly disclose and update the following information on a quarterly basis:

- 1°. a description of its actual and potential conflicts of interest;

hypothèses et la raison d'être de son opinion.

Une agence de notation de crédit enregistrée communique à temps opportun au public, sur une base non-sélective et gratuitement, toute notation de crédit concernant les valeurs émises publiquement, ou les émetteurs de valeurs émises publiquement, ainsi que toute décision ultérieure d'interrompre une telle notation, si l'action de notation est fondée en tout ou en partie sur des informations non publiques.

Article 9: Délai de communication de l'information

Une agence de notation de crédit enregistrée rend publiques et met à jour les informations suivantes trimestriellement:

- 1°. une description de son conflit d'intérêts réel ou potentiel;

y'amakimbirane ashingiye ku nyungu;

2°. politiki n'imikorere bikoreshwa n'isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, hakubiyemo politiki igendanye n'itangazwa ry'amakuru ku bipimo by'ubushobozi bw'amasosiyeti bwo kwishyura n'andi makuru arebana na byo, na politiki yayo irebana n'itangwa ry'amakuru ku nguzanyo aba atasabwe n'amasosiyete yahawe ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, cyangwa abagenerwabikorwa;

3°. imiterere y'uburyo bw'imyishyurire y'amasosiyeti yahawe ibipimo by'ubushobozi mu kwishyura imyenda yayo, hakubiyemo uburyo bw'imyishyurire y'amasosiyeti yahawe ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura cyangwa ibindi bitanga inyungu zirenze icumi (10%) ku ijana by'inyungu z'umwaka z'isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura cyemewe n'amategeko cyangwa ubundi bwishyu butajyanye n'igenwa ry' ibipimo

2°. policies and procedures adopted by the credit rating agency including the policy concerning publication of information on credit ratings, and other related communications, and its policy on access to information on credit ratings that is not requested by the rated entity or subscribers;

3°. the nature of its compensation arrangements with rated entities, including compensation arrangements with rated entities or related third parties that provide more than ten (10%) percent of the annual revenue of an authorized credit rating agency or any compensation not related to rating services;

2°. les politiques et procédures adoptées par l'agence de notation, y compris la politique relative à la publication de notation de crédits, et d'autres communications connexes, et de sa politique concernant les notations de crédit qui ne sont pas demandées par l'entité notée ou les souscripteurs;

3°. la nature de ses modalités de compensation avec les entités notées, y compris les modalités d'indemnisations avec les entités notées ou tierces personnes en relations avec elle qui fournissent plus de dix (10%) pour cent du revenu annuel d'une agence de notation de crédit autorisée et une compensation non relative aux services de notation;

by'ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo;

4°. uburyo bw'imikorere, ndetse n'imiterere y'uburyo bwo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura;

5°. politiki yacyo ndetse n'uburyo bw'igena ry'ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura , raporo no gutangaza amakuru mu gihe gikwiriye;

6°. ibigereranyo byakoreshejwe mu bikorwa byayo byo kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura ndetse n'impinduka zabaye kuri ibyo bigereranyo;

7°. impinduka zose z'imiterere, umutungo n'imikorere y'Ikigo kigena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura .

4°. the methodologies and descriptions of models and key rating;

5°. its policies as well as modalities for distribution of credit ratings, reports and updates in a timely manner;

6°. estimations used in its rating activities as well as material changes to those estimations;

7°. any changes of organs, resources and working procedures of the Authority.

4°. les méthodologies, et les descriptions de modèles notation clé;

5°. ses politiques pour l'octroi des notations de crédit, des rapports et des mises à jour, en temps opportun;

6°. les hypothèses utilisées dans ses activités de notation ainsi que les modifications importantes à ces hypothèses;

7°. toutes les modifications importantes de systèmes de l'Office, ses ressources et procédures.

UMUTWE WA III: IMITERERE Y'IMIGABANE, IBIGENDERWAHO, UBURYO NA POLITIKI MU KUGENA IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI BWO KWISHYURA,

CHAPTER III: SHAREHOLDING STRUCTURE, RATING CRITERIA, METHODOLOGIES AND POLICIES

CHAPITRE III: STRUCTURE DE L'ACTIONNARIAT, CRITERES METHODOLOGIE ET POLITIQUE DE NOTATION

Icyiciro cya mbere: Imiterere y'imigabane n'ibigenderwaho mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Section One: Shareholding structure and rating criteria

Section première: Structure de l'actionnariat et critères de notation

Ingingo ya 10: Imiterere y'imigabane

Article 10: Shareholding structure

Article 10: Structure de l'actionnariat

Isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura igira uburyo bw'imiterere y'imigabane buzayifasha gukora mu buryo bwigenga kandi bufite intego.

Every credit rating agency is required to maintain a shareholding structure that enables it to carry out its functions independently and objectively.

Une agence de notation de crédit maintient une structure d'actionnariat qui lui permet d'exercer ses fonctions indépendamment et objectivement.

Ingingo 11: Kumenyesha urwego rubifitiye ububasha impinduka zabaye mu isosiyete

Article 11: Notification of change in an agency to the competent authority

Article 11: Notification du changement dans une agence à l'autorité compétente

Isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura imenyeshya urwego rubifitiye ububasha igihe habaye impinduka zidasanzwe mu bijyanye n'imiterere y'imigabane.

Every credit rating agency is required to notify the competent authority of any significant change relating to the structure of the shareholding.

Une agence de notation de crédit notifie à l'autorité compétente tout changement important concernant la structure de l'actionnariat qui se produit.

Impinduka zidasanzwe zivugwa mu gika kibanziriza iki ni izi zikurikira:

Significant changes referred to in the preceding paragraph are as follows:

Les changements importants aux dispositions de l'alinéa premier du présent article sont les suivants:

1°. ishyirwaho ry'isosiyeti ibumbiyemo izindi mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura;

2°. impinduka iyo ari yo yose mu migabane zituma haba umuntu ugira imigabane ingana cyangwa irenze makumyabiri ku ijana by'imigabane yose mu isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, cyangwa irindi zamuka rikomatanyijwe ry'imigabane ku ijanisha cyangwa birenzeho by'imigabane yishyuwe mu isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Icyiciro cya 2: Ibigenderwaho mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura, uburyo bw'imikorere na politiki

Ingingo ya 12: Ibigenderwaho mu kugena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura

Isosiyeti igena ibipimo by'ubushobozi bwo kwishyura igira ibigenderwaho mu kugena iby'ubushobozi, uburyo bw'imikorere

1°. establishment of a holding company or ultimate holding company of a credit rating agency;

